REPUBLIC OF RWANDA

Higher Education Council (HEC)
P.O. BOX: 6311, Kigali - Rwanda

ITANGAZO RIREBA ABASABYE INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA), MU MWAKA W'AMASHURI 2021-2022

Ubuyobozi bwa Higher Education Council (HEC) buramenyesha abanyeshuri basabye inguzanyo yo kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda) bazatangira umwaka wa mbere (1st Year) mu mwaka w'amashuri wa 2021-2022, ko ibyavuye mu busabe bw'inguzanyo yo kwiga biboneka banyuze kuri:

https://mis.hec.gov.rw/bursary/check-result

Uwasabye inguzanyo yinjiza ahabugenewe "registration number" ye akabona ibyavuye mu busabe bwe bw'inguzanyo.

Ibyagendeweho mu gutanga inguzanyo ni ibi bikurikira:

1. Amanota umunyeshuri yagize asoza amashuri yisumbuye ahabwa **50%**
2. Ibyo umunyeshuri agiye kwiga muri Kaminuza bihabwa **50%**

Icyitonderwa:

1. Impuzandengo yafatiweho ni **37%**;
2. Uburyo amanota yabazwemo biboneka ku mugereka w'iri tangazo;
3. Umunyeshuri uzahindura ibyo yahawe kwiga ashobora gutakaza inguzanyo;
4. HEC izakira ubujurire bw'abatishimiye ibyavuye mu busabe bwabo hakoreshejwe "form" iboneka kuri:

   https://hec.gov.rw/fileadmin/user_upload/UR_FORM_Y_UBUJURIRE_2022.pdf
5. Gutanga ubujurire bizakorerwa ku biro bya HEC i Remera iruhande rwa Rwanda Education Board (REB) cyangwa kuri email: studentquerries@hec.gov.rw **guhera tariki ya 16/05/2022 kugeza ku ya 19/05/2022. Nyuma yaho nta bujurire buzakirwa.**

Bikorewe Kigali, ku wa 13/ 05/ 2022.

Digitally signed by HEC (Director General)
Date: 2022.05.13 13:21:12 +02'00'

Dr. Rose MUKANKOMEJE
Umuyobozi Mukuru